

<p>ITEGEKO N° 016/2021 RYO KU WA 03/03/2021 RIHINDURA ITEGEKO N° 48/2017 RYO KU WA 23/09/2017 RIGENGA BANKI NKURU Y'U RWANDA</p>	<p>LAW N° 016/2021 OF 03/03/2021 AMENDING LAW N° 48/2017 OF 23/09/2017 GOVERNING THE NATIONAL BANK OF RWANDA</p>	<p>LOI N° 016/2021 DU 03/03/2021 MODIFIANT LA LOI N° 48/2017 DU 23/09/2017 RÉGISSANT LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLES DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Intego</u></p>	<p><u>Article One: Mission</u></p>	<p><u>Article premier: Mission</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Inshingano</u></p>	<p><u>Article 2: Responsibilities</u></p>	<p><u>Article 2: Attributions</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Abagize Inama y'Ubuyobozi</u></p>	<p><u>Article 3: Members of the Board of Directors</u></p>	<p><u>Article 3: Membres du Conseil d'Administration</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Ibisabwa mu kujya mu Nama y'Ubuyobozi</u></p>	<p><u>Article 4: Requirements for being a member of the Board of Directors</u></p>	<p><u>Article 4: Conditions pour être membre du Conseil d'Administration</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Inshingano z' Umuyobozi w'Inama y'Ubuyobozi</u></p>	<p><u>Article 5: Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors</u></p>	<p><u>Article 5: Attributions du Président du Conseil d'Administration</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Inshingano z' Umuyobozi wungirije w'Inama y'Ubuyobozi</u></p>	<p><u>Article 6: Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors</u></p>	<p><u>Article 6: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration</u></p>
<p><u>Ingingo ya 7: Inama y'Inama y'Ubuyobozi</u></p>	<p><u>Article 7: Meeting of the Board of Directors</u></p>	<p><u>Article 7: Réunion du Conseil d'Administration</u></p>
<p><u>Ingingo ya 8: Itangwa ry'amakuru y'ibanga</u></p>	<p><u>Article 8: Disclosure of confidential information</u></p>	<p><u>Article 8: Divulgence des informations confidentielles</u></p>

<p><u>Ingingo ya 9:</u> Igihe cy'inzibacyuho</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</p> <p><u>Ingingo ya 12:</u> Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 9:</u> Transition</p> <p><u>Article 10:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</p> <p><u>Article 11:</u> Repealing provision</p> <p><u>Article 12:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 9 :</u> Transition</p> <p><u>Article 10:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</p> <p><u>Article 11:</u> Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 12:</u> Entrée en vigueur</p>
------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>ITEGEKO N° 016/2021 RYO KU WA 03/03/2021 RIHINDURA ITEGEKO N° 48/2017 RYO KU WA 23/09/2017 RIGENGA BANKI NKURU Y’U RWANDA</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p> <p>Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 15 Ukuboza 2020;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 120, iya 122, iya 139, iya 165 n’iya 176;</p>	<p>LAW N° 016/2021 OF 03/03/2021 AMENDING LAW N° 48/2017 OF 23/09/2017 GOVERNING THE NATIONAL BANK OF RWANDA</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p> <p>THE PARLIAMENT:</p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 15 December 2020;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 120, 122, 139, 165 and 176;</p>	<p>LOI N° 016/2021 DU 03/03/2021 MODIFIANT LA LOI N° 48/2017 DU 23/09/2017 RÉGISSANT LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République;</p> <p>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</p> <p>LE PARLEMENT:</p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 15 décembre 2020;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 120, 122, 139, 165 et 176;</p>
------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>Isubiye ku Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda;</p> <p>YEMEJE:</p> <p><u>Ingingo ya mbere: Intego</u></p> <p>Ingingo ya 6 y'Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p><u>"Ingingo ya 6: Intego</u></p> <p>Intego ya BNR ni ukubungabunga agaciro k'ifaranga no kubaka urwego rw'imari rutajegajega".</p> <p><u>Ingingo ya 2: Inshingano</u></p> <p>Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, ryongewemo ingingo ya 6 <i>bis</i> iteye ku buryo bukurikira:</p> <p><u>"Ingingo ya 6 bis: Inshingano</u></p> <p>BNR ifite inshingano zikurikira:</p>	<p>Having reviewed Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda;</p> <p>ADOPTS:</p> <p><u>Article One: Mission</u></p> <p>Article 6 of Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda is amended as follows:</p> <p><u>"Article 6: Mission</u></p> <p>The mission of NBR is to ensure price stability and sound financial system".</p> <p><u>Article 2: Responsibilities</u></p> <p>In Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda, Article 6 <i>bis</i> is inserted to read as follows:</p> <p><u>"Article 6 bis: Responsibilities</u></p> <p>NBR has the following responsibilities:</p>	<p>Revu la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda ;</p> <p>ADOPTE:</p> <p><u>Article premier: Mission</u></p> <p>L'article 6 de la loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda est modifié comme suit:</p> <p><u>"Article 6: Mission</u></p> <p>La mission de la BNR consiste à assurer la stabilité des prix et la solidité du système financier".</p> <p><u>Article 2: Attributions</u></p> <p>Dans la loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda, il est inséré l'article 6 <i>bis</i> libellé comme suit:</p> <p><u>"Article 6 bis: Attributions</u></p> <p>BNR a les attributions suivantes:</p>
-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>1° kugena no gushyira mu bikorwa politiki yerekeye ifaranga;</p> <p>2° gutunganya, kugenzura no guhuza ibikorwa by'isoko ry'ivunjisha;</p> <p>3° gushyiraho no kugenzura iyubahirizwa ry'amabwiriza agenga ibigo by'imari harimo amabanki, ibigo by'imari iciriritse, ibigo biguriza bitakira amafaranga ya rubanda, ibigo bikora imirimo y'ikodesha gurisha, ibigo by'ubwishingizi, ibigo by'ubwiteganyirize bw'abakozi, ibigega by'ubwiteganyirize n'ibindi bigo bikora imirimo y'imari itagenzurwa n'urundi rwego hashingiwe ku mategeko yihariye;</p> <p>4° gushyiraho no kugenzura iyubahirizwa ry'amabwiriza agenga amasezerano ajyanye no gucunga iby'abandi ku bwizerane, na sosiyete zitanga serivisi, iyo izo sosiyete zitegura cyangwa zikora mu izina ry'umukiriya, ibikorwa bijyanye n'imirimo ikurikira:</p>	<p>1° to define and implement the monetary policy;</p> <p>2° to organise, supervise and coordinate the foreign exchange market;</p> <p>3° to regulate and supervise the compliance of directives governing financial institutions including banks, micro finance institutions, non-deposit taking lending institutions, finance-lease institutions, insurance institutions, social security institutions, pension funds/schemes institutions, and other financial institutions that are not supervised by any other institution under specific Laws;</p> <p>4° to regulate and supervise trusts and company service providers, when those companies prepare or carry out transactions for a client concerning the following activities:</p>	<p>1° définir et mettre en œuvre la politique monétaire;</p> <p>2° organiser, superviser et coordonner le marché des changes;</p> <p>3° régler et superviser la mise en application des directives régissant des institutions financières, y compris les banques, les institutions de microfinance, les établissements de crédits qui ne reçoivent pas les fonds du public, les institutions de crédit-bail, les entreprises d'assurance, les organismes de sécurité sociale, les fonds des régimes de retraite et autres institutions financières qui ne sont supervisées par aucune autre institution en vertu des lois spécifiques;</p> <p>4° régler et superviser des fiducies et des sociétés prestataires de services, lorsque ces sociétés préparent ou effectuent au nom d'un client des opérations en rapport avec les activités suivantes:</p>
-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>a. gukora nk'isosiyete ifite ububasha mu gutangiza ibigo bifite ubuzimagatozi;</p> <p>b. gukora cyangwa gufasha undi muntu gutuma akora nk'umwe mu bagize inama y'ubutegetsu cyangwa umwanditsi w'isosiyete, umwe mu bagize isosiyete ishingiye ku bufatanye cyangwa umwanya usa n'uwo mu bindi bigo bifite ubuzimagatozi;</p> <p>c. gukora nk'icyicaro cya sosiyete, adereshe y'ubucuruzi cyangwa iy'ubuyobozi bya sosiyete, isosiyete y'ubufatanye cyangwa ikindi kigo gifite ubuzimagatozi cyangwa ikigo gishinzwe gucunga iby'abandi;</p> <p>d. gukora cyangwa gufasha undi muntu gutuma akora nk'ucunga iby'abandi cyangwa gukora inshingano zisa nk'izo mu kigo gishinzwe gucunga iby'abandi;</p> <p>e. gukora cyangwa gutuma undi muntu akora nk'umunyamigabane uhagarariye undi muntu;</p>	<p>a. to act as a company for the formation of legal persons;</p> <p>b. to act as or arrange for another person to act as a director or a company secretary or a member of a partnership or to occupy a similar position within other institutions with legal personality;</p> <p>c. to serve as a head office, business or administrative address of a company, a partnership or any other legal person or fiduciary institution;</p> <p>d. to act as or arrange for another person to act as a trustee of an express trust or perform a similar function in a trust corporation;</p> <p>e. to act as or arrange for another person to act as a nominee shareholder for another person;</p>	<p>a. agir en qualité d'une société pour la constitution de personnes morales;</p> <p>b. agir ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agisse en qualité de membre du conseil d'administration ou de secrétaire de la société, d'associé d'une société de personnes ou de titulaire d'une fonction similaire au sein d'autres institutions ayant la personnalité juridique;</p> <p>c. servir de siège social, adresse commerciale ou administrative d'une société, société de personnes ou toute autre personne morale ou institution fiduciaire;</p> <p>d. agir ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agisse en qualité de fidéicommissaire ou exercer une fonction similaire dans une institution fiduciaire;</p> <p>e. agir ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agisse en qualité d'actionnaire agissant pour le compte d'une autre personne;</p>
-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>5° gushyiraho no kugenzura amabwiriza rusange agenga uburyo bw'imyishyuranire;</p>	<p>5° to regulate and supervise regulations governing payment systems;</p>	<p>5° régler et superviser les règlements régissant les systèmes de paiement;</p>
<p>6° gusesengura urwego rw'imari hagamijwe gushyigikira ukwiyongera n'iterambere by'ubukungu;</p>	<p>6° to conduct a financial stability assessment for sustaining economic growth and development;</p>	<p>6° évaluer la stabilité financière pour soutenir la croissance et le développement économiques;</p>
<p>7° gushyiraho no gushyira mu bikorwa politiki zo guteza imbere ishyingirwaho ry'amabwiriza rusange n'igenzura by'uburyo bw'ihwanyabwishyu n'uburyo bw'imyishyuranire bunozze kandi bukora neza;</p>	<p>7° to formulate and implement policies to promote the establishment of regulations and the supervision of efficient and effective clearing and settlement payment systems;</p>	<p>7° formuler et mettre en œuvre des politiques visant à promouvoir la mise en place des règlements et la supervision des systèmes de compensation et de paiement efficaces et efficaces;</p>
<p>8° gucunga ifaranga;</p>	<p>8° to manage currency;</p>	<p>8° gérer la monnaie;</p>
<p>9° kubika no gucunga amafaranga y'amanyamahanga;</p>	<p>9° to hold and manage official foreign exchange reserves;</p>	<p>9° détenir et gérer les réserves officielles de change;</p>
<p>10° kuba Umubitsi wa Leta;</p>	<p>10° to act as State Cashier;</p>	<p>10° servir de Caissier de l'État;</p>
<p>11° gukusanya, kwegeranya, gutangaza mu gihe gikwiye imibare y'ibarura yerekeye ifaranga n'imari;</p>	<p>11° to collect, compile, disseminate monetary and financial statistics on a timely basis;</p>	<p>11° collecter, rassembler, disséminer à temps opportun les statistiques monétaires et financières;</p>
<p>12° gukurikirana no guteza imbere imikorere y'ibigo by'imari no kugenzura ko byubahiriza amategeko abigenga harimo itegeko rikumira</p>	<p>12° to follow up and promote the soundness of financial institutions and their compliance with relevant Laws, including Law on prevention</p>	<p>12° faire le suivi et promouvoir la solidité des institutions financières et le respect des lois applicables, y compris la loi relative à la prévention et à la répression</p>

<p>kandi rihana iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;</p> <p>13°gukurikirana ko ibigo by'imari bishyiraho politiki n'uburyo bw'igenzura n'imicungire binoze by'ingorane zavuka;</p> <p>14°gushyiraho politiki zirinda uburenganzira n'inyungu by'abakiliya, ababitsa n'abandi bafite inyungu iyo ari yo yose itari ukubitsa mu bigo by'imari hitabwa ku bigo by'imari bikeneye gupiganwa neza ku isoko no gukora ibishoboka byose birinda ingorane zishobora kubaho;</p> <p>15°gukora indi nshingano yahabwa n'andi mategeko”.</p>	<p>and punishment of money laundering and terrorism financing;</p> <p>13°to ensure that financial institutions adopt policies and procedures designed to effectively control and manage risks;</p> <p>14°to adopt policies to safeguard the rights and interests of customers, depositors and creditors of financial institutions, taking into account the need for financial institutions to compete effectively in the market and take reasonable action to avoid risks;</p> <p>15°to discharge such other responsibility as may be assigned by other Laws”.</p>	<p>du blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme;</p> <p>13°s’assurer que les institutions financières mettent en place des politiques et un cadre de contrôle et de gestion efficaces des risques;</p> <p>14°mettre en place les politiques pour sauvegarder les droits et les intérêts des clients, déposants et créanciers des institutions financières, en tenant compte du besoin des institutions financières de faire une concurrence efficace sur le marché et de prendre des mesures raisonnables pour éviter le risque;</p> <p>15°s’acquitter de toute autre attribution pouvant lui être confiée par d’autres lois”.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Abagize Inama y’Ubuyobozi</u></p> <p>Ingingo ya 13 y’Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y’u Rwanda ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>“Inama y’ubuyobozi igizwe n’abantu icyenda (9) bakurikira:</p>	<p><u>Article 3: Members of the Board of Directors</u></p> <p>Article 13 of Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda is amended as follows:</p> <p>“The Board of Directors consists of the following nine (9) members:</p>	<p><u>Article 3: Membres du Conseil d’administration</u></p> <p>L’article 13 de la loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda est modifié comme suit:</p> <p>“Le Conseil d’administration est composé de neuf (9) membres suivants:</p>

<p>1° Guverineri;</p> <p>2° Guverineri Wungirije;</p> <p>3° Abandi barindwi (7) bashyirwaho n’iteka rya Perezida, batoranywa mu bantu bafite ubushobozi n’ubuzobere mu byerekeranye n’ifaranga, imari cyangwa ubukungu.</p> <p>Iteka rya Perezida rivugwa mu gace ka 3° k’igika cya mbere cy’iyi ngingo rigena Umuyobozi n’Umuyobozi Wungirije b’Inama y’Ubuyobozi.</p> <p>Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by’abagize Inama y’Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.</p> <p>Uretse Guverineri na Guverineri Wungirije, abandi bagize Inama y’Ubuyobozi bashyirwaho mu gihe cy’imyaka ine (4) gishobora kongerwa rimwe gusa.</p> <p>Mu gushyiraho abagize Inama y’Ubuyobozi, ikitabwaho ni uko imirimo y’ubuyobozi bwa BNR yakomeza itagize ubwo ihagarara”.</p>	<p>1° the Governor;</p> <p>2° the Deputy Governor;</p> <p>3° seven (7) other members appointed by Presidential Order, as chosen among personalities with competence and expertise in the monetary, financial or economic fields.</p> <p>The Presidential Order referred to under Item 3° of Paragraph One of this Article determines the Chairperson and the Deputy Chairperson of the Board of Directors.</p> <p>At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors must be females.</p> <p>With the exception of the Governor and the Deputy Governor, other members of the Board of Directors are appointed for a term of office of four (4) years renewable only once.</p> <p>In appointing members of the Board of Directors, continuity of NBR’s administration operations is taken into account”.</p>	<p>1° le Gouverneur;</p> <p>2° le Gouverneur Adjoint;</p> <p>3° sept (7) autres membres nommés par arrêté présidentiel, choisis parmi les personnalités ayant une compétence et une expertise dans les domaines monétaire, financier ou économique.</p> <p>L’arrêté présidentiel visé au point 3° de l’alinéa premier du présent article détermine le Président et le Vice-Président du Conseil d’Administration.</p> <p>Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d’Administration doivent être des femmes.</p> <p>À l’exception du Gouverneur et du Gouverneur Adjoint, les autres membres du Conseil d’Administration sont nommés pour un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule fois.</p> <p>Lors de la nomination des membres du Conseil d’administration, la continuité des opérations de l’administration de la BNR est tenue en considération”.</p>
------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p><u>Ingingo ya 4: Ibisabwa mu kujya mu Nama y'Ubuyobozi</u></p> <p>Ingingo ya 14 y'Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>“Ugize Inama y'Ubuyobozi agomba kuba:</p> <p>1 ° ari inyangamugayo;</p> <p>2 ° atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);</p> <p>3 ° atarahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibyaha bifatanye isano na yo;</p> <p>4 ° atarahamwe n'icyaha cya jenocide”.</p>	<p><u>Article 4: Requirements for being a member of the Board of Directors</u></p> <p>Article 14 of Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda is amended as follows:</p> <p>“A member of the Board of Directors must:</p> <p>1 ° be a person of integrity;</p> <p>2 ° not have been definitely sentenced to imprisonment for a term equal to or exceeding six (6) months;</p> <p>3 ° not have been convicted of the crime of genocide ideology and related crimes;</p> <p>4 ° not have been convicted of the crime of genocide”.</p>	<p><u>Article 4: Conditions pour être membre du Conseil d'administration</u></p> <p>L'article 14 de la loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda est modifié comme suit:</p> <p>“Un membre du Conseil d'administration doit:</p> <p>1 ° être intègre;</p> <p>2 ° n'avoir pas été définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;</p> <p>3 ° n'avoir pas été reconnu coupable du crime d'idéologie du génocide et des crimes connexes;</p> <p>4 ° n'avoir pas été reconnu coupable du crime de génocide”.</p>
<p><u>Ingingo ya 5: Inshingano z'Umuyobozi w'Inama y'Ubuyobozi</u></p> <p>Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda ryongewemo ingingo ya 15 bis iteye ku buryo bukurikira:</p>	<p><u>Article 5: Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors</u></p> <p>In Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda, Article 15 <i>bis</i> is inserted to read as follows:</p>	<p><u>Article 5: Attributions du Président du Conseil d'administration</u></p> <p>Dans la loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda, il est inséré l'article 15 <i>bis</i> libellé comme suit:</p>

<p><u>“Ingingo ya 15 bis: Inshingano z’ Umuyobozi w’Inama y’Ubuyobozi</u></p> <p>Umuyobozi w’Inama y’Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° gutumiza, kuyobora inama y’Inama y’Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo; 2° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’Inama y’Ubuyobozi; 3° gukora indi mirimo yose yahabwa n’Inama y’Ubuyobozi iri mu nshingano zayo”. 	<p><u>“Article 15 bis: Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors</u></p> <p>The Chairperson of the Board of Directors has the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° convene, chair the meeting of the Board of Directors and coordinate its activities; 2° make follow-up on the implementation of resolutions of the Board of Directors; 3° perform any other duties falling within his or her responsibilities as may be assigned by the Board of Directors”. 	<p><u>“Article 15 bis: Attributions du Président du Conseil d’Administration</u></p> <p>Le Président du Conseil d’administration a les attributions suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° convoquer, présider la réunion du Conseil d’administration et coordonner ses activités; 2° faire le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d’administration; 3° effectuer toute autre tâche relevant de ses attributions pouvant lui être confiée par le Conseil d’administration.
<p><u>Ingingo ya 6: Inshingano z’ Umuyobozi wungirije w’Inama y’Ubuyobozi</u></p> <p>Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y’u Rwanda ryongewemo ingingo ya 15 <i>ter</i> iteye ku buryo bukurikira:</p>	<p><u>Article 6: Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors</u></p> <p>In Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda, Article 15 <i>ter</i> is inserted to read as follows:</p>	<p><u>Article 6: Attributions du Vice-Président du Conseil d’administration</u></p> <p>Dans la loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda, il est inséré l’article 15 <i>ter</i> libellé comme suit:</p>

<p>“Ingingo ya 15 ter: Inshingano z’Umuyobozi Wungirije w’Inama y’Ubuyobozi</p> <p>Umuyobozi Wungirije w’Inama y’Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° kunganira Umuyobozi w’Inama y’Ubuyobozi no kumusimbura igihe adahari;</p> <p>2° gukora imirimo yose yahabwa n’Inama y’Ubuyobozi iri mu nshingano zayo”.</p>	<p>“Article 15 ter: Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors</p> <p>The Deputy Chairperson of the Board of Directors has the following responsibilities:</p> <p>1° assist the Chairperson of the Board of Directors and deputize for him or her in case of his or her absence;</p> <p>2° perform any other duties falling within his or her responsibilities as may be assigned by the Board of Directors.”</p>	<p>“Article 15 ter: Attributions du Vice-Président du Conseil d’administration</p> <p>Le Vice-Président du Conseil d’administration a les attributions suivantes:</p> <p>1° assister le Président du Conseil d’administration et le remplacer en cas d’absence;</p> <p>2° effectuer toute autre tâche relevant de ses attributions pouvant lui être confiée par le Conseil d’administration.</p>
<p><u>Ingingo ya 7: Inama y’Inama y’Ubuyobozi</u></p> <p>Ingingo ya 17 y’Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y’u Rwanda ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>“Inama y’Inama y’Ubuyobozi isanzwe ya BNR iterana rimwe mu gihembwe. Itumizwa kandi ikayoborwa n’Umuyobozi w’Inama y’Ubuyobozi cyangwa Umuyobozi Wungirije iyo Umuyobozi w’Inama y’Ubuyobozi adahari.</p>	<p><u>Article 7: Meeting of the Board of Directors</u></p> <p>Article 17 of Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda is amended as follows:</p> <p>“The ordinary meeting of the Board of Directors of NBR is held once a quarter. It is convened and chaired by the Chairperson of the Board of Directors or by the Deputy Chairperson when the Chairperson of the Board of Directors is absent.</p>	<p><u>Article 7: Réunion du Conseil d’administration</u></p> <p>L’article 17 de la loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda est modifié comme suit:</p> <p>“La réunion ordinaire du Conseil d’administration de la BNR se tient une fois par trimestre. Elle est convoquée et présidée par le Président du Conseil d’administration ou le Vice-Président en cas d’absence du Président du Conseil d’administration.</p>

<p>Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi (10) y'akazi ngo inama iterane kandi igaterana hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.</p> <p>Inama y'Ubuyobozi ishobora guterana mu nama idasanzwe itumizwa mu nyandiko kandi ikayoborwa n'Umuyobozi w'Inama y'Ubuyobozi cyangwa Umuyobozi Wungirije iyo Umuyobozi w'Inama y'Ubuyobozi adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Isuzuma gusa ibyo yatumirijwe.</p> <p>Inyandiko itumira inama igaragaza ibiri ku murongo w'ibygwa”.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Itangwa ry'amakuru y'ibanga</u></p> <p>Ingingo ya 58 y'Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>“BNR ishobora guha amakuru y'ibanga:</p> <p>1° Urwego rw'ubutegetsi rwa Leta, urwego rushinzwe kubahiriza amategeko mu</p>	<p>The invitation is submitted to members of the Board of Directors in writing at least ten (10) working days before the meeting is held and the meeting is held when at least two thirds (2/3) of its members are present.</p> <p>The Board of Directors may sit in an extraordinary meeting convened in writing and chaired by the Chairperson of the Board of Directors or by the Deputy Chairperson when the Chairperson is absent at own initiative or upon proposal by two-thirds (2/3) of members of the Board of Directors. The meeting discusses only the items on the agenda.</p> <p>The invitation letter specifies items on agenda”.</p> <p><u>Article 8: Disclosure of confidential information</u></p> <p>Article 58 of Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda is amended as follows:</p> <p>“NBR may provide confidential information to:</p> <p>1° a public sector agency, a Law enforcement agency, where NBR is</p>	<p>L'invitation est transmise par écrit aux membres du Conseil d'administration au moins dix (10) jours ouvrables avant la tenue de la réunion et cette réunion ne se tient que lorsqu'au moins deux tiers (2/3) de ses membres sont présents.</p> <p>Le Conseil d'administration peut tenir une réunion extraordinaire convoquée par écrit et présidée par le Président du Conseil d'administration ou le Vice-Président en cas d'absence du Président du Conseil d'administration, de leur propre initiative ou à la demande d'au moins deux tiers (2/3) des membres du Conseil d'administration. La réunion ne traite que les points à l'ordre du jour.</p> <p>La lettre d'invitation indique les points inscrits à l'ordre du jour” .</p> <p><u>Article 8: Divulgence des informations confidentielles</u></p> <p>L'article 58 de la loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda est modifié comme suit:</p> <p>“BNR peut fournir les informations confidentielles:</p> <p>1° à une institution du secteur public, une institution d'exécution de la loi, si la</p>
------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>gihe BNR yizeye ko izo nzego zifite ubushobozi bwo kurinda ibanga ry'amakuru atanzwe, cyangwa ikindi kigo hashingiwe ku masezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono;</p> <p>2° Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari hashingiwe ku itegeko rirwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba”.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Igihe cy'inzibacyuho</u></p> <p>Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda ryongewemo ingingo ya 72 bis, iteye ku buryo bukurikira:</p> <p><u>Ingingo ya 72 bis: Igihe cy'inzibacyuho</u></p> <p>Inama y'Ubuyobozi iriho ikomeza imirimo yayo mu gihe kitarenze umwaka umwe (1)”.</p> <p><u>Ingingo ya 10: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</u></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p>satisfied that such agencies have the capacity to protect the confidentiality of the information disclosed or any other agency pursuant to an existing international treaty signed by Rwanda;</p> <p>2° the Financial Intelligence Centre pursuant to Law on anti-money laundering and financing terrorism”.</p> <p><u>Article 9: Transition</u></p> <p>In Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda, Article 72 <i>bis</i> is inserted to read as follows:</p> <p><u>Article 72 bis: Transition</u></p> <p>The incumbent Board of Directors continues its duties within one year (1)</p> <p><u>Article 10: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p>	<p>BNR est rassurée que ces institutions ont la capacité de protéger la confidentialité de l'information donnée, ou une autre institution en vertu d'un traité international signé par le Rwanda;</p> <p>2° au Centre de Renseignement Financier en vertu de la loi relative à la lutte contre le blanchiment des capitaux et le financement du terrorisme”.</p> <p><u>Article 9: Transition</u></p> <p>Dans la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda, il est inséré l'article 72 <i>bis</i> libellé comme suit:</p> <p><u>Article 72 bis: Transition</u></p> <p>Le Conseil d'administration en place poursuit ses fonctions endéans une année (1)</p> <p><u>Article 10: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p>
------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p><u>Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</u></p> <p>Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 11: Repealing provision</u></p> <p>All prior provisions contrary to this Law are repealed.</p> <p><u>Article 12: Commencement</u></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 11: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p> <p><u>Article 12: Entrée en vigueur</u></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

Kigali, 03/03/2021

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Sean and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux